REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# ITANGAZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbura Umujyanama utakiri mu mwanya mu Karere ka **Rulindo,**

Kwakira kandidatire ni guhera **tariki 04 kugeza kuya 12 Gicurasi 2023.**

**Ushaka gutanga kandidatire** ku mwanya w'Ubujyanama ku rwego rw'Akarere **agomba kuba :**

1° ari Umunyarwanda;

2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;

3° adafite imiziro iteganywa n'Itegeko ngenga rigenga amatora

**Ibaruwa itanga kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo ikubiyemo ibi bikurikira**:

1° amazina y'Umukandida;

2° igihe n'aho yavukiye;

3° umurimo akora n'aho aba;

4° umwanya yiyamamariza.

**Iherekezwa na** :

1° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa ikiyisimbura ,

2° fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri;

3° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;

4° icyemezo kigaragaza ko atafunzwe cyangwa yafunzwe, kitarengeje amezi atandatu (6)

**ICYITONDERWA** : Kandidatire zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (online) kuri E-mail ikurikira: info@nec.gov.rw

Bikorewe i Kigali, kuwa 04/05/2023

**MUNYANEZA Charles**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora